Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburengerazuba
**Akarere ka Nyabihu**

## ITANGAZO RIHAMAGARIRA GUPIGANIRA AMAVURIRO Y'IBANZE

Ubuyobozi bw'Akarere ka NYABIHU ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE), burahamagarira abantu ku giti cyabo, ibigo byemerewe gukora ubuvuzi, imiryango mpuzamahanga n'iyo mu Gihugu bafite ubushake n'ubushobozi kandi bujuje ibisabwa mu gucunga amavuriro y'ibanze (Health Posts) mu rwego rwa ''Public-Private Community Partership''(PPP) ko bwifuza kwegurira ba rwiyemezamirimo amavuriro y'ibanze yo ku rwego rwa mbere ( First Generation Healrh Post) kugira ngo bayakoreshe.

Abifuza kwitabira bagomba kugaragaza ko bafite ubushobozi bwo gukora izo serivisi mu gihe kingana n' imyaka 2 ishobora kongerwa kandi bakemera ko bagomba kugendera ku Itegeko rigenga amasoko ya Leta No 031/2022 ryo ku wa 21/11/2022 n'amabwiriza agenga imicungire y'amavuriro y'ibanze mu Rwanda yatanzwe na Minisiteri y'Ubuzima.

**AYO MAVURIRO NI AYA AKURIKIRA:**

| N0 | IZINA RY'IVURIRO | AKAGARI RIBARIZWAMO | UMURENGE RIBARIZWAMO | URWEGO RW'IVURIRO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | GASIZA HP | GASIZA | JOMBA | URWEGO RWA 1 |
| 2 | GASURA HP | GASURA | JOMBA | URWEGO RWA 1 |
| 3 | RUGARAMA HP | RUGARAMA | KABATWA | URWEGO RWA 1 |
| 4 | CYAMABUYE HP | CYAMABUYE | KARAGO | URWEGO RWA 1 |
| 5 | RUKONDO HP | RUKONDO | KINTOBO | URWEGO RWA 1 |
| 6 | RYINYO HP | RYINYO | KINTOBO | URWEGO RWA 1 |
| 7 | RUKOMA HP | RUKOMA | MUKAMIRA | URWEGO RWA 1 |
| 8 | MURINGA HP | MURINGA | MURINGA | URWEGO RWA 1 |
| 9 | NYAMASHEKE HP | NYAMASHEKE | MURINGA | URWEGO RWA 1 |
| 10 | RUGANDA HP | MWIYANIKE | MURINGA | URWEGO RWA 1 |
| 11 | RUGAMBA HP | RUGAMBA | RAMBURA | URWEGO RWA 1 |
| 12 | MARANGARA HP | MARANGARA | RUGERA | URWEGO RWA 1 |
| 13 | MURAMA HP | MURAMA | RUGERA | URWEGO RWA 1 |
| 14 | NGANZO HP | NYAGAHONDO | RUGERA | URWEGO RWA 1 |
| 15 | MWANA HP | MWANA | RUREMBO | URWEGO RWA 1 |
| 16 | CYANIKA HP | GITEGA | RUREMBO | URWEGO RWA 1 |
| 17 | GAHONDO HP | GAHONDO | RUREMBO | URWEGO RWA 1 |

## IBISABWA USHAKA GUCUNGA IVURIRO RY'IBANZE

1. Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi w'Akarere isaba gucunga ivuriro ry'ibanze (Usaba agaragaza izina ry'ivuriro ashaka)

2. Curriculum Vitae (CV) ikosoye neza kandi isinywe:

3. Fotokopi ya diplome (impamyabumenyi) yo mu rwego rwa A2, A1 cyangwa A0 mu mwuga w'ubuforomo, Clinical Medecine n'ububyaza

4. Fotokopi y'icyangombwa (license) kimwemerera gukora umwuga kitararenza igihe

5. Icyemezo cy'umukoresha wa nyuma (attestation de service rendu) niba yarigeze gukora

6. Fotokopi y'indangamuntu

7. Igihe usaba ivuriro atize umwuga wo kuvura, asabwa gutanga ibyangombwa by'abakozi azakoresha byavuzwe haruguru kandi umwe muri bo akagaragazwa nk'uzakurikirana ibikorwa by'ubuvuzi (uhagarariye abandi muri iryo vuriro mu buvuzi);

8. Icyemezo kigaragaza ko nta misoro itarishyurwa (Tax Clearance) gitangwa na RRA (Rwanda Revenue Authority) kandi kikaba kitararenza igihe;

9. Icyemezo (clearance certificate) kigaragaza ko nta myenda ubereyemo ikigo cy'ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) kandi kikaba kitararenza igihe.

**ICYITONDERWA:**

- Itariki ntarengwa yo gutanga inyandiko ni 31/01/2026, inyandiko (Files) zizoherezwa nyuma y'iyi tariki ntizizakirwa.
- Inyandiko zose zasabwe zigomba koherezwa kuri email y'Akarere ka Nyabihu: info@nyabihu.gov.rw zifite scan isobanutse neza.
- Iri tangazo riboneka kandi kuri website y'Akarere ka NYABIHU ariyo: www.nyabihu.gov.rw
- Ukeneye ibindi bisobanuro birambuye wahamagara kuri telephone zikurikira:
  - 0788540496 / Umuyobozi w'ishami ry'Ubuzima mu Karere ka Nyabihu
  - 0788771206 / Ushinzwe amasoko y'Akarere ka Nyabihu

**Bikorewe Nyabihu kuwa 08/01/2026**

**MUKANDAYISENGA Antoinette**
**Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu.**